GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

20/02/2017

IMIRYANGO YA SOSIYETE SIVILE MURI GAHUNDA YO GUHANGANA N' IBIZA

Haba mu Rwanda ndetse no mu bindi bice by'isi dutuyemo, hari ubwo bigira bitya tukumva ngo aha n'aha habaye amakuba, ndetse ngo ahitana abantu benshi. Iyo amakuba yagwiririye abantu benshi kandi badafite ubushobozi bwo kuyikuramo, bivugwa ko habaye ibiza. Ibiza bishobora kubaho nta muntu wabigizemo uruhare, ariko na none, hari n'ibishobora kubaho biturutse ku burangare, cyangwa se ku bugome bwa muntu.

Mu bihugu byinshi, iyo habaye ibiza, usanga ingaruka zabaye nyinshi, kuko nta buryo cyangwa se ingamba biba byarateganyijwe byo guhangana nabyo, kuko haba kagomba kuboneka uburyo bwo gusana no gusubiza mu buryo ibyangijwe.

Muri Afurika, u Rwanda ruri mu bihugu bike byashyizeho politike cyangwa se gahunda y'imicungire y'ibiza. Ni uburyo bwo gukoresha ubushobozi n'ubumenyi mu gushyira mu bikorwa ingamba zigamije gukumira ibiza, Kugabanya ubukana bwabyo, kwitegura ubutabazi, gutabara, gusubiza no gushyira mu buryo ibyangiritse.

Kuva ku ya 15 kugeza ku ya 16 Gashyantare 2017, muri centre Palotti ihereye mu Murenge wa Gikondo mu karere ka Kicukiro, umuryango **Trocaire** wakoresheje amahugurwa yari agenewe imiryango ikorana nawo ndetse n'abandi bafatanyabikorwa barimo n'Ihuriro **CCOAIB**. Trocaire ikorera mu Rwanda kuva mu mwaka wa 1994, ubwo yari ije gufatanya n'izindi nzego guhangana n'ingaruka za Jenoside yakorewe abatutsi.

Aya mahugurwa yabaye umwanya rwo kungurana ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa muri buri muryango kugira ngo hashyirweho gahunda y'imicungire y'ibiza.

Imyuzure, ni kimwe mu biza bikunze kwibasira abaturage batuye mu ntara y'amajyaruguru y'u Rwanda.
Photo: MIDIMAR

Atangiza amahugurwa, Madame **Marleen Mosclee**, umukozi wa Trocaire Rwanda(Regional Institution development Officer), yashimye ubufatanye na MIDIMAR ifite ibiza mu nshingano zayo, kuba yarohereje impuguke kugira ngo iganirize ndetse inafashe abari batumiwe, kumva neza ibiza icyo ari cyo kumenya uko bakwiye kubikumira, kubyitegura kugira ngo ubukana byagira bugabanuke no guhangana n'ingaruka zabyo mu gihe biramutse bibaye.

Bwana **Habinshuti Philippe**, umukozi wa MIDIMAR ushinzwe ubutabazi no gusubiza mu buryo ibyangiritse yaganiriye abari mu mahugurwa kuri amwe mu moko y'ibiza aboneka mu Rwanda, hakaba harimo inkangu, inkongi, umuyaga, amapfa, indwara z'ibyorezo, uruvunge rw'abantu, imitingito, iterabwoba, impanuka ihitanye benshi…

Bwana Habinshuti Philippe, Umukozi wa MIDIMAR

Kuba guhangana n'ibiza ari igikorwa gisaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye, birakwiye ko imiryango ya sosiyete sivile ikigiraho ubumenyi ndetse ikanagira uburyo yitwara kugira ngo ihangana n'ibiza bikorwe ku buryo buboneye.

Ni ngombwa rero ko kugira politiki y'imicungire y'ibiza muri buri muryango byakagombye kuba umuco ndetse no muri gahunda zayo, imiryango ikajya yinjizamo ireme ryo gukumira, kwitegura no guhangana n'ibiza.

Ubwo abitabiriye amahugurwa bunguranaga ibitekerezo, havuzwe ku miryango cyangwa se ibigo bitunze za kizimyamuriro kuva igihe kinini, ariko nta mukozi n'umwe bafite uzi kuzikoresha.

Urundi rugero rwatanzwe ni kuri bashiki ndetse n'abadamu bacu bagendana ibisakoshi binini, nyamara nta n'akantu na kamwe bashyizemo umuntu yakwifashisha mu rwego rwo gukumira cyangwa se guhangana n'akaga mu gihe bahuye n'ikibazo. Muri ibi twavuga nk'umuti umuntu yisiga mu ntoki mu gihe avuye ahantu atizeye cyangwa se yahuye n'abantu benshi, urwembe, umukasi, agapamba, umuti w'ibisebe, isitimu cyangwa se ikindi kintu. Umwe mu bari mu nama yaravuze ati: "Ese koko muri ariya masakoshi manini haba harimo iki?"

Ikindi cyaganiriweho ni ubwitabire bwagombye gushyirwa mu bikorwa byo gukumira ndetse no kwitegura ibiza kuko ari ingirakamaro kandi bikaba
binoroshye umuntu agereranyije n'ingaruka zibiturukaho. Bwana **Habinshuti Philippe** yanashishikarije abitabiriye aya mahugurwa gushinganisha ibyo itunze kuko iyo habaye ibyago ibyo bintu bikangirika badasigara mu kangaratete. Ni n'ibisanzwe, kuko kwirinda, biruta kwivuza!

Babifashijwemo na madame J**udith Mukeshimana**, umukozi wa Trocaire Rwanda ushinzwe gahunda z'ubutabazi (Humanitarian Program Officer) abari mu mahugurwa bunguranye ibitekerezo ku buryo hakwiye gutegurwa politiki y'ubutabazi mu miryango, ikibazo cy'ibiza kikumvikana neza ndetse hakagenwa n'uburyo imiryango ikwiye kwitwara kugira ngo igire uruhare mu kurwanya ibiza. Niyo mpamvu buri muryango wasabwe gutegure umushinga ujyana n'imicungire y'ibiza.

Abakurikiye aya mahugurwa barayishimiye cyane, ndetse banavuga ko yari ngombwa cyane kandi banatanga icyifuzo cy'uko ibyo bagejejweho byagezwa no ku bandi, cyane cyane ku bayobozi b'imiryango kuko aribo basanzwe bafata ibyemezo ndetse banagira uruhare runini mu kugena politiki imiryango ikurikira.

Mu butumire **Trocaire** yari yageje ku miryango, iyisaba kuzohereza uzakurikira ayo mahugurwa, yari yanongeyeho ko abo bakozi baza imboni za Trocaire, bakazafatanya mu gikorwa cyo guhangana n'ibiza.

Abari mu mahugurwa bishimiye gusobanukirwa ku biza ndetse no gufata ingamba zo guhangana nabyo

Judith Mukeshimana, umukozi wa Trocaire Rwanda ushinzwe gahunda z'ubutabazi (Humanitarian Program Officer)

Ifoto y'urwibutso y'abakurikiye amahugurwa, abakozi ba Trocaire hamwe n'umukozi wa MIDIMAR